

**MATAYO NGIRUMPATSE ARAVUGA ICYO ATEKEREZA  
KU GITABO CYITWA « INKUNDURA »  
CYANDITSWE NA YOHANI BATISTA NKURIYINGOMA.**

**A. INTANGIRIRO**

1. Igitabo cya Yohani Batista Nkuliyingoma yise INKUNDURA nagsomye nitonze. Muri rusange, ni igitabo cyiza cyagerageje kumenyesha abanyarwanda ibyabaye mu ntambara. Ariko rero ntawe umenya byose, nta n'usobanukirwa na byose, kabone naho yaba ari umuhanga kabuhariwe. Nkaba narashimye rero byimazeyo ibyo yavuze mu gika yise: “kwisegura ku basomyi” ku rupapuro rwa 18. Aragira ati: « *Intego yo kwandika amateka y'intambara ntabwo ari ikintu cyoroshye. Hari ibyo nibwira ko nzi neza nkurikije ubumenyi buriho muri iki gihe ariko ubushakashatsi bukaba buzerekana ibindi. Nshobora no kwibeshya, bamwe mubasomyi bakazahita babona ko bimwe mu bantu bazi neza, wenda baranabihagazeho, byanditswe mu buryo bunyuranye n'ukuri. Mpise rero mbiseguraho rugikubita, nsaba ko abazabishobora bazakora ku buryo ayo makosa amenyekana....Muri iki gitabo nta mwanya uhagije twahaye imanza zikomeye zirimo kubera Arusha... » Iyo ni imwe mu mpamvu zitumye muha igitekerezo cyaneye kuri bimwe avugamo, cyane cyane ko bimwe nabihagaze ho, nkanamenya umuzi wabyo. Arusha ho nkaba mpamaze imyaka irenga cumi n'itatu.*
2. Impamvu ya kabiri nuko ku rupapuro rwa 16, avuga ko yifashishije ibitabo byagiye bwandikwa, « *cyane cyane igitabo cy'umushakashatsi witwa André Guichaoua wabaye impuguke mu manza za Arusha... »*
3. Ibantu uwo mwarimu wa Kaminuza yanditse ategura imanza za Arusha, ibyinshi ni amazimwe yagiye abwirwa n'abantu batazi na busa amavu n'amavuko y'ibibazo. Sinashoboye kunenga mu ruhame igitabo cya Guichaoua (ari cyo wanifashishije), yasohoye mu kwezi kwa Mata 2010, cyitwa: « **RWANDA, DE LA GUERRE AU GENOCIDE** ». **Les politiques criminelles au Rwanda (1990-1994)**, Editions La Découverte. Impamvu yatumye ntamusubiza nta yindi. Nari ndwaye cyane, kandi mbifatanyije n'urubanza. Ariko si ukuvuga ko ibyo yanditse nabyemeye, cyangwa se ko bihuje n'ukuri. Ahubwo Abanyarwanda nibamukurikira ntibazapfa bumvikanye, kuko ari umucanshuro, agakubitira ho no kuba umunyabinyoma. Ntiyanditse icyo gitabo ashaka kwerekana ukuri, ahubwo yashakaga kwanduza abantu, gufasha Porokireri wa Arusha mu birego bye by'ibinyoma, no kurya amafranga y'Urukiko.

4. Nyamara ariko, umuvandimwe Eduwaridi KAREMERA yashubije Guichaoua, mu nyandiko yoherereje uwo mwanditsi, muri Gicurasi 2010<sup>1</sup>. Ngirango iyo Nkuliyingoma ayisoma mbere, hari ibitekerezo byinshi bya Guichaoua aba ataranditse. Sinza kumukurikira mu mazimwe, ariko ibirebana na politiki y'u Rwanda ndi bugire icyo mbivugaho ku buryo buvunaguye.
5. Ikindi rero, nubwo hanze bakeka ko Guichaoua ari ikimene mu bahanga bafasha TPIR, nagirango nkubwire ko yo itamwemera cyane. Porokureri wa Arusha, yakunze kwitabaza Guichaoua kugirango yubake ibirego by'ibinyoma. Rapor yanditse, ashaka gucisha umutwe abahoze ari abayobozi ba MRND, ntabwo yemewe. Urukiko rwasanze nta kintu rukeneye mo kugirango rwumve ibyabaye.<sup>2</sup> Nicyo cyatumye rero abacamanza bamwangira kuza kubatesha igihe. Kiriya gitabo gikubiye mo ibyari muri iyo raporo, nacyo cyari kigamije kwandagaza abaregwa muri urwo rubanza. Porokireri nawe, kuko ntabimenyetso bihagije afite, yahaye Guichaoua impapuro zose nizitaragombaga gusohoka, ashyira hanze idosiye ikiri mu bushinja-icyaha, kandi urukiko rutarayibona. Bituma rero Guichaoua yibwira ko arusha izindi mpuguke ubuhanga.
6. Impamvu urukiko rwagendeyeho kugirango rwange iyo raporo nizi : *Rapor ya Guichaoua irega ishyaka MRND kandi siryo rigomba gucibwa urubanza. Urukiko ruzareba uruhare rwa buri muntu uregwa. Indi mpamvu nuko ibitekerezo byinshi biri muri icyo gitabo bisa nibigamije guhamya icyaha abaregwa. Urukiko ntirushobora kwemera raporo y'impuguke iteye ityo. Icyo urukiko ruba rukeneye ku mpuguke, n'ubuhanga buhanitse mu bintu urukiko rudasobanukiwe mo neza. Urukiko ntirukeneye impuguke kugirango ruce urubanza.*<sup>3</sup> *Porokireri utarishimiye icyo cyemezo yasabye kukijuririra, urugereko rwa III ruramwemerera, ariko ntiyigeze abikora. Ngira ngo yasanze byazatesha agaciro iyo mpuguke ye.*
7. Uwashaka ibisobanuro birambuye ku zindi manza, yatasoma inyandiko ya Karemra navuze haruguru. Azasangamo ibyemezo by'urukiko byamagana ibyavuzwe na Guichaoua mu rubanza rwa Semanza, urwa Georges Rutaganda, urubanza rw'i Cyangugu. Ahanini, Guichaoua yigira Porokireri, akiha kwandika ibyerekeye amategeko atayazi, agahamya abantu icyaha kandi atariko kazi ke. Agendera ku batangabuhamya batinya kuvuga amazina yabo, nka Gaspari Ruhumuliza ubivugira munzu, nyamara ntiyatinyutse kuza gutanga ubuhamya mu

---

<sup>1</sup> Reba : Edouard KAREMERA critique le Livre d'André GUICHAOUA, Arusha, Mai 2010

<sup>2</sup> Reba icyemezo cy'Urugereko rwa III, cyo kuri 25 Ukwakira 2007.

<sup>3</sup> Icyemezo cyo kuri 25 Ukwakira 2007.cyanditse mu cyongereza no mu gifransa. Nagerageje kubishyira mu kinyarwanda.

rukiko. Hari nikindi Guichaoua atitaho, nuko umuntu utaracibwa urubanza aba ari umwere (présomption d'innocence).

## B. IBYO MBONA BIDAHUJE N'UKURI.

8. Kugirango bitworohere, ndakurikira igitabo cyawe, nerekane urupapuro, igitekerezo gihari, hanyuma mvuge icyo ngitekereza ho, kandi ntange inkuru y'imvaho, itari imbarirano.
9. Ku rupapuro rwa 97, aho uvuga « Imishyikirano ya Arusha. » urandika ku masezerano yabereye i Buruseri hagati ya FPR n'ihuriro rya FDC ryari rigizwe n'amashyaka MDR, PSD na PL. Uravuga ko « *ayo makuru y'ubufatanye hagati ya FPR n'amashyaka yari imbere mu gihugu yarakaje abo muli MRND, bikubitiraho nuko inkotanyi zahise zigaba igitero gikomeye cyari kigamije gufata umujyi wa Byumba.* »
10. Ubwo bufatanye ntibwaturakaje, ahubwo bwaratubabaje. Icyo gihe nari Umunyabanga Mukuru wa MRND. Eduwaridi Karemera yari i Dakar mu butumwa, ariko yari yiteguye guhitira i Buruseli muri iyo nama, kwifatanya n'andi mashyaka muri iyo mibonano. Ntako ntagize ngo ayo mashyaka na FPR bemere ko twohereza intumwa. Nanyuze kuri Ambasaderi w' Ububirigi i Kigali. Nasabye inshuti zacu i Buruseli ko zadufasha. Aliko ayo mashyaka na FPR baranangira. Mw'itagangazo risoza inama, banditsemo ko aribo banze ko ishyaka rya Habyarimana, MRND, riza muli iyo mishyikirano.<sup>4</sup> Icyakomeye, nuko bamaze gushyira umukono kuri iryo tangazo, FPR igahita itera i Byumba. N'abatari muri MRND barababaye, kuko babisanzemo uburyarya. Urebye mu matangazo ya MDR, wasangamo iryo ku ya 1 Nyakanga 1992, ryashyizweho umukono na Foroduwaridi KARAMIRA na J.M.V. NKEZABERA.<sup>5</sup> Bavuga mo ko icyo gitero gitandukanye n'amasezerano y'i Buruseri, kandi ko cyerekana uburyarya bwinshi mu mikorere ya FPR. Umwe mu bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, yaranyogoreye, ati : « *Yewe, demokarasi yarafashe mu Rwanda koko, iyo haba ahandi bariya bagabo bavuye i Buruseli bari kururuka mu ndege binjira uburoko.* » Uko bigaragara rero si abo muri MRND bababaye gusa, abanditse iryo tangazo ryo ku ya mbere Nyakanga barababaye, abanyarwanda bo mu yandi mashyaka barababaye ariko baricecekera. Abanyamahanga baratangaye ko ibyo bintu nta nkurikizi byagize. Uko FPR yitwaye nyuma mu byerekeye umubano n'andi mashyaka, byerekana ko atari MRND yibeshye, ahubwo ari abayobozi bamwe bo muri ayo mashyaka babaze nabi. Ngirango igice cya kabiri cy'igitabo cyawe kirabyerekana.

<sup>4</sup> Iryo tangazo riboneka mu gitabo cya Ferdinand NAHIMANA, Les Virages ratés, Editions Sources du Nil, Collection « le droit à la parole » urupapuro rwa 224. Icyo gitabo cyanditse mu gifransa. Iryo tangazo rishobora kandi kuboneka mu mpapuro za Prokureri w'Urukiko rwa Arusha, rufite numéro K0220820 , cg. K0089557. Ushobora no kurubona mu rubanza rw'abayobozi ba MRND, DK-3.

<sup>5</sup> Reba mu mpapuro za Porokireri wa Arusha, K0220821. NAHIMANA, igitabo twavuze haruguru, urup.226.

11. Ku rupapuro rwa 105, uravuga imvururu zo mu Bugesera, ukavuga ko abaturage 466 bafashwe, ariko bagafungurwa bataburanye. Wongera ho ko ku ruhande rw'ubutegetsi, guvernoma ya Nsengiyaremye yagiye ho tariki ya 16 mata 1992 yahise ifata icyemezo cyo gukura Feridina NAHIMANA ku buyobozi bwa ORINFOR. Nagirango nkwbibutse ko izo mvururu zitangira hariho guvernoma ya NSANZIMANA kandi ko Matayo NGIRUMPATSE yari Ministri w'Ubucamanza. Abo bantu bafashwe rero kuko yihutiye gutanga amabwiriza kugirango Parike ikore akazi kayo. Ava muri iyo ministeri, abo bantu bari bagifunze. Ministeri y'Ubucamanza yeguriwe PL muri guvernoma ya NSENGIYAREMYE. Ni byiza ko abasomyi bamenya uwari ushinzwe iyo ministeri icyo gihe, kuko hakwijwe igihuha ko guvernoma ya NSANZIMANA ntacyo yakoze kugira ngo ihoshe imvururu zo mu Bugesera. Nyamara, biragaragara ko abo bantu 466 bafunguwe hariho guvernoma ya NSENGIYAREMYE, kandi ministeri y'Ubucamanza iyoborwa na PL.
12. Uravuga impavu zateye izo mvururu mu Bugesera. Landuwardi NDASINGWA we siko yabibonye. Mu kiganiro yagiranye na RTLM kuya 31 Ukwakira 1993, ku rupapuro rwa 2, yaravuze ati: « *Byarambabaje ko ayo makimbirane ya politiki bayitwaje kugirango bashinyagurire abazize imvururu zo mu Bugesera, bakiyibagiza ko mitingi MUGENZI yakoresheje muri ako karere ariyo nyirabayazana* ». Ku rupapuro rwa 8, arabitsindagira agasobanura bihagije ko muri iyo mitingi batutse umutegetsi w'aho ngaho, bakamwandagaza, bigatuma abaturage barakara. Ati: « *Radio Rwanda yarabivuze, kandi nanjye nari mpibereye* ».<sup>6</sup>
13. Ku rupapuro rwa 111, uravuga ijambo Perezida HABYARIMANA yavugije mu Ruhengeri kuri 15 Ugushyingo 1992. Byari kurushaho kuba byiza iyo iryo jambo urishyira muyindi migerekia iherekeje igitabo, maze abasomyi bakareba uko ryavuzwe ryose, atari ukubatoranyiriza mo ijambo rimwe, cyangwa interuro imwe. Mu rubanza rwa Karemera na bagenzi be, haje abatangabuhanya benshi, basobanura uko ijambo rya HABYARIMANA barigaraguye bakaribyaza ibyo atavuze. Pascal NDENGEJEHO wari Ministri w'Itangazamakuru icyo gihe arabisobanura. Ati abantu baryumvise uko ritari kubera amatiku ya politiki. Ntiyigeze avuga ibipapuro cyangwa “chiffons de papier”. Nitwe twabyongeye ho kugirango tumuteshe umutwe. Uwo mutangabuhanya yarakomeje mugifransa, ati Perezida Habyarimana yaravuze ati: « *Je soutiens les Accords d'Arusha et, en tant que représentant de mon parti, je soutiens les Accords d'Arusha, qui ne doivent pas paraître comme un papier.* »<sup>7</sup> Ngirango kumuvuguruza ariwe wari Minisitiri w'Itangazamakuru, birakomeye. Hari ibitabo

---

<sup>6</sup> Reba iyo interview muri exhibit 1 D 4 B, du 1/11/2000. Ayo magambo yavuzwe mu gifransa, nagerageje kuyashyira mu Kinyarwanda, mpunga kuvanga indimi.

<sup>7</sup> Reba mu rubanza ICTR N° 98-44-T, 21 Nzeri 2010, urupapuro rwa 6 nizikurikira.

byinshi byerekana ko ari HABYARIMANA, ari Ingabo z'Ighugu, ari abaturage, bose bashakaga ko intambara irangira. Hariya rero nawe wakomeje gukwirakwiza ikinyoma !

14. Tuje ku rupapuro rwa 117, ruvuga ivanwa rya NSENGIYAREMYE mu mwanya wa Ministre w'Intebe. Nibyiza ko abantu bamenya ko igitekerezo cyo kuvana NSENGIYAREMYE kuri uwo mwanya atari igitekerezo cya MRND. Iyo nama, abayobozi ba MRND uko twari bane, twari tuyirimo.<sup>8</sup> Muri icyo gihe, guvernoma ya Nsengiyaremye yari icyuye igihe. Kubera ko Imishyikirano ya Arusha yari itararangira, hatumijwe inama yo kuyongerera andi mezi. Iyo nama yatangiye kuri 14 Nyakanga 1993. Ntiyari yahamagarijwe gukura Nsengiyaremye mu mwanya we, ariko MDR niyo yabigize ikibazo ivuga ko ntacyo bashobora gukora niba Nsengiyaremye atemerewe ko ari we uzayobora Guvernoma y'Inzibacyaho Yaguye. Inama yo kuwa 14 yaje gusubikwa, kugirango abahagarariye MDR muri iyo nama, bakoreshe umunsi wa 15 Nyakanga, bavugane na Biro politiki yabo, bazagaruke bafite igitekerezo gihamye kandi bumvikanye ho, kuko mu by'ukuri, batavugaga rumwe.
15. Inama yasubiye mo kuri 16 Nyakanga, ariko abahagarariye MDR ntacyo bari bumvikanye ho ku byerekeye umukandida wo kuba minisitir w'Intebe. Iyo nama yatangiye mu gitondo kuri 16 Nyakanga, yarangiye nyuma ya sasita y'ijoro. Yari inama rero ikomeye. Twagiramungu siwe wenyine wari uhagarariye MDR muri iyo nama. Na Murego yari ahari. Ni byiza kandi kwibutsa abasomyi ko Ministri w'Intebe yagombaga kuva muri MDR. Niho ubwumvikane bwagombaga kubanza. Kubigereka kuri MRND rero ntabwo byumvikana.
16. Inama igitangira, abo muri PSD na PL nibo basabye ko NSENGIYAREMYE yakurwa kuri uwo mwanya. Ikibazo rero cyabaye ko muri MDR batabiburanye, ntibavuze rumwe. Abantu bavuga ko MRND yagombaga gukemura impaka zo muri MDR no muri FDC, bashingira kuki ? Icyakora si uko tutagerageje. Ku giti cyanjye, nashatse NSENGIYAREMYE inshuro ebyiri ngo tuganire ku bibazo byinshi. Ntabwo yanyakiriye, kandi nta n'impamu yampaye. Ngirango yasanze atari ngombwa kuvugana na Perezida wa MRND. Mu gitondo kuri 17, yaraye avuye ho niho yantumye ho ko anshaka, ariko sinabonetse kuko nari mfite izindi porogaramu. Niyo tubonana, amashyaka yari yaraye yemeye Agatha UWIRINGIYIMANA, nta kuntu rero byashoboraga guhinduka ngo nuko navuganye na NSENGIYAREMYE. Nkuko ubivuga ku rupapuro rwa 120, abarebaga amahane yo muri MDR, bibazaga niba iryo shyaka ritarimo abiri, icyo kibazo cyagaragaye mw'ishingwa ry'iryo shyaka kikaba cyararikurikiranye mu bibazo byose ryagize.
17. Twimukire ku rupapuro rwa 118. Uremeza ko UWIRINGIYIMANA avuye ku Kabusunzu yasanze iwe abantu bakurikira : koloneli SAGATWA, NGIRUMPATSE Matayo,

---

<sup>8</sup> Nibutse ko abo bayobozi ari : Matayo Ngirumpatse, perezida, Eduwaridi Karemera, visi prezida wa mbere, Ferdinandi Kabagema, visi perezida wa kabili, na Yozefu Nzirorera, umunyabanga mukuru.

NZAMURAMBAHO Ferederiko, MUGENZI Yustini na TWAGIRAMUNGU Fawustini. Ibyo rero urabyemeza ariko ntuvuge niba wari uhari cyangwa ngo uvuge aho waba warabisomye. Mu gitabo cya Guichaoua wifashishije, ku rupapuro 163, iyo ngirwa mpuguke itanga amazina akurikira : Fawustini Twagiramungu, Yustini Mugenzi, Ferdinandi Kabagema, Matayo Ngirumpatse, Ferederiko Nzamurambaho na koloneli Bagosora. Umuntu yibaza impamvu, niba atari impuha abantu bakwije, mudahuza amazina y'abo bantu bagiye gushaka Agatha Uwiringiyimana. Uwibeshye ninde ?

18. Kurupapuro rwa 9 rw'igitabo cyawe, wahanditse urutonde rw'abantu bagufashije mu kwandika iki gitabo. Muri iyo listi, Twagiramungu niwe wagira icyo amenya kuri icyo kibazo. Sinzi niba rero waramubajije abo bajyanye kwa Agatha Uwiringiyimana. Sinzi niba warakurikiranye kugirango umenye niba yarakubwiye ukuri. Na Guichaoua ntabwo avuga aho yakuye iyo nkuru. Nyumvira rero iyo nzobere, itanga amazina nkayo, ntibwire urukiko aho yayavanye. Ese iyo nama yo kwa Uwiringiyimana ifite inyandiko-mvugo mwaba mwarasanze ho ayo mazina ?
19. Icyo nemeza, nuko nta muntu wa MRND wagiye muri iyo nama, kandi impamvu zirumvikana. Twafashaga MDR kugirango twunguke iki ? Ntabwo twari abapfu ku buryo twari gukeka ko kuba Nsengiyaremye avuye ku mwanya we, bizatuma MDR na MRND biba inshuti. Ikindi rero, harimo umurongo udatunganye mu bitekerezo. Abantu bamwe bavanga MRND na Pawa, MRND yaba yaragiye gufasha Twagiramungu ngo bigende bite niba yarifuzaga ko Pawa ariyo itsinda? Guichaoua we anongera mo ko Bagosora ariwe watumye abatarashakaga Twagiramungu bakora inama. Umuntu muzima yakumva ate ko Bagosora ajya gufasha Twagiramungu, hanyuma akazenguruka akajya gufasha abamurwanya gukora inama yo kumuherika ? Icyo nakubwira cy'ihame ni uko, iyo nama yo kwa Agathe Uwiringiyimana ntari nyirimo, nta n'umuntu nzi wo muri MRND, wari uhari. Nta n'uwashoboraga kuyijyamo adatumwe n'ishyaka, cyangwa ntabizi.
20. Guichaoua we anabonera ho kwanduza abantu, avuga ko Nsengiyaremye yacitse ahunga idosiye yo kunyereza amafranga ngo ari jye na Twagiramungu tubigiye mo. Sinzi iyo abikura. Ntiyerekanye ikirego natanzé. Abenshi bagiye bacikishwa n'impuha, kumva amabwire, cyangwa ubwoba. Nsengiyaremye yageze aho agaruka mu Rwanda. Yarinzwe n'abasirikari b'u Rwanda, ni nabo bamuvanye mu menyo ya rubamba FPR yubuye imirwano imaze kurasa indege ya Perezida Habyarimana. Aho Guichaoua anabimenye yabyandika? Yigeze se abaza Nsengiyaremye icyari cyatumye ahunga? Yigeze se ashakisha icyatumye agaruka mu Rwanda ntagire icyo aba? Sinemeza ko iyo ahura na FPR yo iba yaramurebeye izuba. Ibyo Guichaoua yandika rero ku rupapuro rwa 164 ni indoto ze. Arabyandika nkaho MRND yari akarima kanjye. Icyo Ishyaka ryifuzaga ni ukuva mu mvururu za buri gihe, tugasubira mu mahoro, imirwano ikavaho. Ibyo rero byo iyo mpuguke ntibibona, ko urubyiruko rwari rutakirwana, n'abarwanashyaka batagishyamiranye. Kugera kuri iyo ntego cyabaye igikorwa gikomeye,

kandi niyo nshingano ishyaka ryari ryampaye. Nibutse ko Ambasaderi Flaten wari uhagarariye Leta Zunze Ubumwe za Amerika, yanshimiye icyo gikorwa, kandi ko i Washington byabashimishije ko MRND isigaye ivugana n'andi mashyaka. Ahasigaye, sinzi niba mu matora, MDR yari kujya gutoresha MRND, cyangwa ngo MRND itoreshe MDR. Ariko twari dukeneye amahoro kugirango dukomeze gucengeza demokarasi.

21. **Ku rupapuro rwa 142, uravuga ko Bagosora yakoranye inama n'abayobozi ba MRND, ko iyo nama yateranye nyuma ya sa saba y'ijoro, ko ari naho hafatiwe icyemezo cyo gutsembatsembe abanyapolitiki bari babangamiye MRND.** Ibi bisa nibyo Guichaoua abeshya mu gitabo cye kuva ku rupapuro rwa 255. Guichaoua asa nushaka kumvisha abasomyi ko ibyabaye ari Zigitanyirazo wabiyoboye. Twibutse ko Zigitanyirazo yagizwe umwere n'Urukiko rwa Arusha. Icyo cyemezo gitesha agaciro ibyo Guichaoua yanditse. Icyo nemeza, kandi ntawushobora kukivuguruza, nuko **nta nama abayobozi ba MRND bakoranye na Bagosora mu ijoro ryo kw'itariki ya 6 rishyira iya 7 Mata 1994**. Nta **n'abayobozi b'ishyaka MRND bahungiye mu kigo cy'abajepo**. Joseph Nzirorera yaraye iwe hafi ya CND, Karemra yaraye iwe ku Kicukiro, Ngirumpatse yaraye iwe ku Kicukiro, Kabagema yagumye iwe mu mazu ya Caisse hypothécaire ku Kacyiru. Uko mbyumva, MINUAR iba yaragombye kwandurura Minisitiri w'Inteve n'abaminisitiri bose indege ikiraswa ikabarinda. Ni naho bashoboraga gukora inama ya guvernoma ku buryo buboroheye. Ariko ubu tuzi ko Dallaire yari yibereye mu ruhande rw'Inkotanyi, ashaka uko yazifasha gufata ubutegetsi.<sup>9</sup> Abahitanywe muri iryo joro bose bari barinzwe n'abasilikari ba Minuar. Nta bisobanuro turabona bivuga uko byagendekeye abo bantu. Abasirikari ba Minuar barirutse ? Bararwanye barananirwa ? Ntawubizi. Icyo ntemera nuko udashobora kurinda umuntu ngo umubwire ngo nibaza kukwica nziyirukira ! Birutwa no kubireka mbere y'igihe !
22. Nubwo ndibwerokane aho umuntu yasanga ibyo abayobozi ba MRND bakoze kuva indege iraswa, nibyiza ko mvuga mu magambo make icyo nakoze muri iryo joro. Nyuma ya sa sita y'ijoro ryo kuwa 6/4/1994, Bagosora yarampamagaye kuri telefoni mu rugo, ambwira ko yifuza kubonana n'abayobozi ba MRND mu gitondo kw'itariki ya 7. Ntiyambwiye impamvu. Mubwiye ko turi bugire ikibazo cyo kuva mu rugo ntawuduherekeje, ambwira ko icyo kibazo cy'umutekano agitunganya. Ubwo nahise mpamagara bagenzi banjye kuri telefoni mbabwira ko bitegura. Mu ma sa saba cyangwa sa saba n'igice y'ijoro, hari offisiye wo muri Etat-major wahamagaye iwanjye ambwira ko mu gitondo isa kumi n'ebibili, ari bwohereze imodoka n'abasirikari bo kutugeza muri Ministeri y'Ingabo. Ubwo nongeye gufata telefoni mbimenyesha bagenzi banjye. Nzirorera yambwiye ko akoresha imodoka ye n'abasirikari

<sup>9</sup> Niba ushaka kumenya ibyo Dallaire yarimo, soma igitabo cya Eduwaridi Karemra, Le drame rwandais, Les aveux accablants des chefs de la Mission des Nations Unies pour l'Assistance au Rwanda, Editions Sources du Nil, collection « Le droit à la parole », 2006. Reba n'igitabo cya Booh Booh : Le patron de Dallaire parle, révélations sur les dérives d'un général de l'ONU au Rwanda, Editions Duboiris, 2005, cyane cyane mu gice cya 10 cyitwa : « Dallaire s'allie au FPR contre la paix », kuva ku rupapuro rwa 117 n'izikurikiraho.

bamurinze. Aha rero naho hari ikinyoma cya mbere Guichaoua yashoye mo abantu. Kabagema ntabwo yaje. Yambwiye ko aho atuye FPR yahagose, ko nta muntu usohoka, ko adashobora kuvamo. Nuko byamugendekeye kugera guvernoma ihungiye i Murambi. Guichaoua rero yagiye gusaba Major Hanyurwimana Epiphane, kumukorera inyandiko-mvugo y'inama yabereye mu biro bya Bagosora. Basabye Major Epiphane kuza mu rukiko aratinya. Iyo nyandiko y'impimbano ntiyagize akamaro kuko byagaragaye ko yakozwe mu 1995, kandi igashyira mo abantu batigeze bajya mu nama n'imwe nka Kabagema. Epiphane nawe ntiyari mu nama y'amashyaka ku itariki ya 8 Mata 1994, kuko na Bagosora atari ayirimo.

23. Mu gitondo imodoka iri mo abasilikari yaraje koko, kamyoneti double kabine, nyohereza gufata Karemra wari utuye hafi y'iwanjye, igarutse tuboneza twerekeza muri Ministeri y'Ingabo. Nzirorera yaje ahdusanga. **Nta nama rero twakoranye na Bagosora mw'ijoro ryitariki ya 6 Mata ishyira iya 7.** Icyo ni ikinyoma, ari nacyo cyakuruye ko bamwe bemeza ko ubwicanyi bwateguwe. Icyatumye Agatha Uwiringiyimana, adatumiza inama ya guvernoma ntitukizi. Icyamubujije kujya kuri radio, ntitukizi, uretse ibyo twumvise nyuma mu rubanza.<sup>10</sup> Kugeza magingo aya, nta rubanza na rumwe Arusha ruravuguruza ibyo maze kuvuga. Nta n'umutangabuhanya wigeze abivuga.
24. Abakomeza kwemeza ko twakoze inama mw'ijoro indege ya Perezida Habyarimana imaze kuraswa, ni uko bashaka kuyobya uburari. Bahisha ko FPR yahise itera. Yahise igota Kacyiru. Nicyo cyatumye Kabagema adashobora gusohoka. Yaraye iteye Kanombe. Iyo nkuru njye nyifitiye gihamya. Umusirikari w'umubiligi, witwa Thierry Tambour, Batayo Comando ya 2, kompanyi ya 12, yabajijwe n'abajede ageze iwabo kw'itariki ya 30 Gicurasi 1994. Indege bayirashe areba kuko yari kw'izamu imbere ya CND. Ntiyabonye abayirashe ariko yabonye ibisasu bizamuka, indege ihinduka ikibumbe cy'umuriro cyahise cyikubita hasi.
25. Akomeza agira ati: « *ako kanya indege ikigera hasi, aho kuri CND bahise barasa bikomeye, uwadutegekaga atubwira ko tuva aho hantu tukajya ku kibuga cy'indege. Twagiye duhura na za bariyeri z'abasilikari b'u Rwanda, ariko twazinyuze ho nta kibazo. Batubwiye kurinda ikibuga cy'indege. Udutegeka yatubwiye ko Inkotanyi zasohotse muri CND, ko ziri bunyure aho turi ziteye ikigo cy'abasilikari i Kanombe. Amategeko twahawe n'uko Inkotanyi nizinyura aho turi ntizigire icyo zidutwara, tuzireka zikitambukira. Ariko ntizanyuze aho turi zanyuze*

---

<sup>10</sup> Dore aho uzasanga ibyerekeye ibyabaye muri iryo joro kugeza kw'itariki ya 9 Mata 1994, guvernoma y'Abatabazi imaze kujya ho : Mu rubaza rwa Bagosora ICTR-98-41-T: ubuhamya bwa Matayo Ngirumpatse: tariki ya 5 niya 6 Nyakanga 2005. UbwaYozefu Nzirorera: tariki 16 na 17 Werurwe 2006, na 12 Kamena 2006. Ubwa Eduwaridi Karemra, tariki ya 16 kamena 2006.

Mu rubanza ICTR-98-44-T rwa Karemra na bagenzi be: Karemra: kuva kuli 18/05/2009 kugeza kuri 28/05/2009. Yozefu Nzirorera: kuva kuri 17/05/2010 kugeza kuri 27/5/2010. Matayo Ngirumpatse: kuva kuri 17/01/2010 kugeza kuri 18/02/2001. Ayo matariki ni ho abo bagabo uko ari batatu, bagiye kwitangira ubuhamya ubwabo imbere y'urukiko.

*ahandi, zisakirana n'Ingabo z'u Rwanda zitaragera mu kigo i Kanombe. »<sup>11</sup>* Abo basirikari b'ababiligi ba MINUAR babakuye kuri CND kugirango FPR ibone uko isohoka nta nkomyi. Ikindi nuko kugirango uwayoboraga umutwe Thierry Tambour yari mo amenye ko Inkontanyi ziteye i Kanombe, nuko zari zabimenyesheje MINUAR. Gukomeza kwemeza lero ko twagiye mu nama muri iryō joro, ni ukuduhata igicumuro. Gukomeza kwemeza ko FPR yatangiyē imirwano ngo itabara abantu, ni ikinamico. Gukomeza guhata ko FPR yubuye imirwano kugirango ihagarike jenoside, ni ugushinyagura. Ibyo abahoze mu Nkotanyi ubu bazivuye mo, (nka Ruzibiza na Mugabe) barega Kagame, nuko yashoye abatutsi mu byago, akabuza ko babatabara, kugira ngo afate ubutegetsi. Kagame niwe wirukanye ingabo z'amahanga, kugirango zitamukoma imbere.<sup>12</sup>

26. Ubwoba ku Kicukiro bwari bwose ku buryo ku itariki ya 7, iwanjye huzuye impunzi bituma dusasa hasi. Zahavuye tariki ya 9 Mata 1994. Iyo nshaka kwica mba naratangiriye kuri abo, kuko harimo abatutsi benshi. Nkurikije ibyo wanditse, abantu bakeka ko twakoze inama kuko bishyize mu mutwe ko twahungiye ku Kimihurura mu basilikari barindaga Perezida Habyarimana (G.P.), kandi ibyo sibyo.
27. Bagosora yatubwiye iki kw'itariki ya 7 Mata mu gitondo? Twamusubije iki? Bagosora yatubwiye ko adufitiye ubutumwa bwa Booh Booh, uhagarariye Loni mu Rwanda. Atumenyesha ko uwo mugabo yamusabye guhamagara abayobozi ba MRND, akababaza uwo basimbuza Perezida wa Republika. Twamubwiye ko ibyo tubyumva, ariko ko ishyaka atari abantu batatu. Ko abantu batatu badashobora gusimbura Perezida w'Ighugu, ko ibyo bigomba icyemezo cya Kongre. Ko hari umutekano uhagije twayitumiza, ariko ko tudashobora kuyihamagaza hari imidugararo, tutabonye ubidufashamo. Kuki MINUAR itatinyutse kutubwira ko idufasha? Icyakora Bagosora yatubwiye ko icyo gitekerezo akigeza kuwamutumye. Atubwira kandi ko afitanye inama n'Ambassaderi wa Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ko aduha igisubizo avuyeyo. Ikindi yatumenyesheje, nuko afitanye Inama n'Abakuru b'Ingabo, ko ari bubagezeho igitekerezo cyacu. Twavuye muri Ministeri y'Ingabo Agatha Uwiringiyimana akiraho, amakuru y'urupfu rwe nayumvise muri radiyo ngeze imuhira. Uwo munsi muri Ministeri y'Ingabo bongeye guterefona, bambwira ko ku munsi ukurikira bohereza imodoka n'abasirikari, ko Bagosora yifuza kubonana natwe i sa tatu mu gitondo, tariki ya 8 Mata 1994.
28. Bagosora ntiyashyizeho Guvernoma, ntanubwo ari byo yatubwiye gukora, kuko ministri w'Intebi yari ahari. Mu nteruro zikurikira turareba icyatumye hajyaho guvernoma y'Abatabazi, nuko atari guvernoma ya Bagosora, kandi ko iyo guvernoma itari igamije kwica. Nta nubwo Bagosora yaduhamagaye kugirango dukureho ubutegetsi (*creation d'un vide*

<sup>11</sup> Iyo nyandiko-mvugo ya Tambour, iri muri CD belge n°1, ikaba ifite n° K0075307.

<sup>12</sup> Reba itangazo rya Kagame ryo kw'itariki ya 9 Mata 1994.

*institutionnel*) nkuko Guichaoua abyandika ku rupapuro rwa 279, ahubwo igitekerezo cya Booh Booh (ntabwo ari icya Bagosora) cyari uko haboneka ubutegetsi. Nusoma neza raporo za Booh Booh yohereje New York tariki ya 7 n'iya 8 Mata 1994, uzasanga mo ko abayobozi ba Loni bifuzaga ko haboneka guvernoma kugirango babone uwo bavugana nawe. Muri iyo raporo bavuga ko bizeye ko haboneka guvernoma y'agateganyo (*interim government*) ubutegetsi bukagaruka kugira ngo akajagari kaveho. Bavuga ko bakora uko bashoboye kugirango iyo guvernoma iboneke.<sup>13</sup> Ibi rero biragaragaza ko iyo guvernoma itari iyo kwica ibintu ahubwo yagombaga kureba uko ibikiza. Ibitarashobotse, si yo. Uwabiteye ntawigeze amwamagana, ariko arazwi. Ni FPR.

29. Turebe ku rupapuro rwa 145. **Intambara yo kurwanira ubutegetsi hagati ya Yozefu Nzirorera na Matayo Ngirumpatse ntayabaye.** Nta nkirabuheri yari ituri mo, nta numushomeri wari uturi mo. Ubutegetsi twari twarabubaye mo bihagije. Tumaze gutorerwa kuyobora MRND, ntawari agifite akazi ahemberwa. Karemera yari afite cabinet ye y'avoka. Kabagema yari asanzwe akora muri Caisse Hypothécaire. Nzirorera yikoreraga ku giti cye. Ngirumpatse yahise afungura ibiro bya avoka akimara gutorwa. Twumvikanye ariko ku kintu kimwe kandi gikomeye. Twemeje ko, turebye ibiba mu yandi mashyaka, nta numwe muri twe uko turi bane, uzarwanira umwanya, waba uwa minisitiri cyangwa undi wundi, yafatanya n'ubuyobozi bw'ishyaka. Nicyo cyatumye igihe cyo guhitamo abaminisitiri bayo MRND nta kibazo yagize.
30. Kw'itariki ya 8, twageze ku biro bya Bagosora mu ma sa tatu mu gitondo. Atubwira ko Inama Nkuru y'Ingabo, yasabye ko abanyapolitiki bakora akazi kabo, bagashyiraho ubutegetsi, bakavugana na FPR uko Inzego z'Inzibacyaho Yaguye zajyaho. Aha ngaha rero niho ikibazo cyavutse. Kw'itariki ya 8, Perezida wa Repubulika na Ministri w'Intebe bari bishwe. Twagombaga rero gushaka ababasimbura. Ariko twabwiye Bagosora ko politiki y'u Rwanda atari twe tuyishinzwe twenyine, ko MRND ifite abaministri muri guvernoma, igizwe n'amashyaka menshi, ko idashobora kwihererana ikibazo. Bagosora atwemerera ko agiye gushakisha abayobozi b'andi mashyaka. Ntabwo twigeze tuvuga abo amashyaka yohereza, ntitwashoboraga no kumenya abari buze. Ibyo wandika rero ku rupapuro rwa 146, ko abanyapolitiki bari bashyigikiye umugambi wo kwica Agatha Uwiringiyimana na "bariya" banyapolitiki bandi, ni urubwa rukomeye cyane, kuko ntaho bihuriye n'ukuri.
31. Hagati aho twasigaye dutekereza icyo turi buvugane n'andi mashyaka. Nibwo rero twageze ku gitekerezo cyo kwitabaza Itegeko Nshinga. Twiyemeza kujya kureba Sindikubwabo. Ibyo twabigezeho turi batatu. Wowe wanditse, niwowe wasobanura aho ibintu byo kurwanira ubutegetsi wabikuye. Nta numwe muri twe uko turi batatu wagiye gukwiza izo mpuha. Ni ibihimbano kuva ku murongo wa mbere kugeza kuwa nyuma.

---

<sup>13</sup> Reba rapport N° L000-1687 na Exhibit DNZ 405.

32. Sindikubwabo twamusanzé iwe, twagiyeyo ku maguru tuvuye muri Ministeri y'Ingabo. Matayo Ngirumpatse niwe wafashe ijambo asobanurira Sindikubwabo uko ikibazo giteye, amusobanurira nuko Itegeko Nshinga ariwe ryerekana ugomba gusimbura Perezida. Ngirumpatse yunganiwe nabagenzi be, cyane cyane Kareméra wari warabaye Député, kandi ari inzobere mu mategeko. Ntabwo rero yatanze ibitekerezo kuko Ngirumpatse na Nzirorera barwaniraga umwanya, nkuko abanyampuha babikwiza. Sindikubwabo yaratwemereye. Ubwo hari hasigaye ikibazo cya Ministre w'Intebe, ariko icyo cyarebaga MDR. Ntanubwo rero twacyigiye aho, kuko Sindikubwabo wari Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko yari azi neza ko kitatureba. Ntiyakitubajije. Ubwo twahise tugaruka muri Ministeri y'Ingabo kureba ko andi mashyaka yabonetse. Amashyaka yasabye MDR ko itanga umukandida Ministri w'Intebe, MDR itanga Kambanda. Buri shyaka ryasabwe amazina y'abaminisitiri baryo. MRND ntabwo yahinduye. Nubwo hari abaministri bayo batari mu gihugu, yabarekeye bose mu myanya barimo.

33. Ku rupapuro rwa 148, urabyandika nkaho ari inkuru mbarirano. Byari kurusha ho kuba byiza iyo wandika izina ry'uwaguhye ayo makuru. Ubwo ukoresha ijambo "**ngo**", ni ukuvuga ko ari ibyo wabwiwe n'abandi. Iyo nama ntabwo yari umuhango, kuko yamaze amasaha arenze ane. Amashyaka yanditse amasezerano mashya ahindura zimwe mu ngingo z'amasezerano yo kuya 7 Mata 1992, yashyiragaho guvernoma y'amashyaka menshi. Biratangaje kandi ko udasobanurira abasomyi inshingano guvernoma y'Abatabazi yahawe. Reka nzisubire mo, nubwo zizwi.

34. Guvernoma y'Abatabazi yahawe inshingano eshatu:

- Kuyobora igihugu, yita cyane cyane kuburyo bwo kugarura bidatinze, umutekano w'abantu n'uw'ibantu.
- Gukomeza imishyikirano na FPR kugirango Inzego z'Inzibacyuho yaguye zibe zagiye ho mu gihe kitarenze ibyumweru 6.
- Kwita ku kibazo cy'ibiribwa, igashaka uburyo bwo gutabara vuba abaturage muri za perefegitura zimwe na zimwe, n'abavanywe mu byabo n'intambara.

35. Birumvikana neza ko iyo guvernoma yari iyo kugirango twongere tuvugane n'Inkotanyi, dushyireho Inzego z'Inzibacyuho yaguye. Ibyumweru bitandatu s'igihe kirekire. Ni nacyo gituma muri MRND tutiriwe duhindura, kuko twari twaratanze urutonde rw'abazaba ba minisitiri muri guvernoma y'Inzigacyuho yaguye. Iyo Guichaoua yandika ko nta warikongera kuvuga ko Twagiramungu agifite umwanya, aba abeshya<sup>14</sup>. Iyo FPR yemera guhagarika imirwano, nta shiti Twagiramungu aba yarafashe umwanya we. Iyo urebye ibyabaye nyuma

<sup>14</sup> Reba mu gitabo cya Guichaoua, urupapuro rwa 304.

y'intambara, ahubwo FPR niyo yagendeye kuri Twagiramungu ngo igere ku byo yashakaga, ariko ntabwo yamwemeraga.

36. Byishwe niki rero ? Nibyo uvuga ku rupapuro rwa 151. Iyo FPR yemera guhagarika imirwano, ikaniyemeza kugirana imishyikirano na guvernoma ya Kambanda, intambara yajyaga guhagarara. Ariko FPR ntiyabishatse. Niba rero warakurikiye, uzi ko icyo kibazo cyo guhagarika imirwano guvernoma y'Abatazi yagishinze Jenerali Gatsinzi. Ariko FPR yabanje kujya iganira bya nyirarureshw, bukeye irerura ivuga ko idashaka guhagarika imirwano. Dore gihamya y'amatariki: 7/4/1994, 12/4/1994, 17 /4/1994 et 18/4/1994<sup>15</sup>. Ongeraho ko Inkotanyi zanke gushyira umukono ku masezerano yo guhagarika imirwano yari yateguriwe I Gbadolite ari Perezida Mobutu ubigiyemo. Inkotanyi zavugaga ko zidashobora gusinya n'abantu ba Guvernoma y'Abatabazi. Minisitiri Andreya Ntagerura wayoboraga intumwa za Leta yabwiye Jenerali Gatsinzi gushyira umukono ku masezerano yo guhagarika imirwano. Amaze gusinya Inkotanyi ziranga. Uwo mukino zongeye kuwukina i Dar es-Salaam. Muri Kamena 1994, i Tunis habaye Inama ya OUA, yemeza ko imirwano ihagarara, FPR yanga kuyubahiriza. Uko niko kuri. Ibindi n'amagambo ashingiye ku binyoma.
37. FPR yangiraga iki guhagarika imirwano? Haba hari uwigeze yibaza icyo kibazo, cyangwa ngo agikore ho ubushakashatsi? Kugirango byumvikane, dusubire inyuma ho gatoya, ku gitero cyo ku ya 8 Gashyantare 1993. Ubwo FPR yari igiye gufata Kigali, yageragezaga kureba niba yafata u Rwanda rwose. Yasanze bishoboka. Impamvu yashakaga gufata ubutegetsi yonyine ni iyihe? Igisubizo kiratangwa n'Ambasaderi w'u Rwanda i Kampala. Kw'itariki ya 18/2/ 1993, iyo ambasade yohereje telegramu muri ministeri y'Ububanyi n'Amahanga i Kigali. Mu magambo make yabwiraga guvernoma iyobowe na Nsengiyaremye, ko Inkotanyi ziyemeje gufata ubutegetsi bwose kubera impamvu zikurikira:
- Abazigurije amafranga, ushyize mo na Uganda, basanga ko FPR nijya mu butegetsi isangiye n'abandi, ntabwo izaba igifite ubushobozi bwo kwishyura imyenda yafashe.
  - Inkotanyi zivuga ko umutekano wazo ushingiye ku gufata ubutegetsi bwose, kuko zitinya ko ubwicanyi n'ubugome zakoze aho zateye, cyane cyane muri iki gitero cya 8/2/1993, byazatuma abaturage bihorera, zikaba zagira ibibazo.
38. Muri iyo telegramu, ambasade yongera mo ko FPR itigeze ihagarika kwinjiza abasilikari kandi ko iyo isabye abasirikari ba NRA ibabona nta ngorane.<sup>16</sup>

---

<sup>15</sup> Reba mu gitabo cya Enoch Ruhigira : La fin tragique d'un régime, Editions La Pagaie, 2011, page 287. Uretse ko na Minuar yabikoze mo raporo.

<sup>16</sup> Iyo telegramu ishoboka kuboneka mu mpapuro zatanzwe na Prokireri wa Arusha. Ifite N° K0089231-K0089232.

Ngicyo icyatumye Inkotanyi zanga kubahiriza amasezerano no guhagarika imirwano, cyane cyané ko zari zitacyizeye inkunga y'amashyaka ya politiki yari mu Rwanda icyo gihe. Zari zimaze no kugira inkunga y'ibihugu bikomeye mu Nama ya Loni ishinzwe Umutekano.

39. Ku rupapuro 348 n'urwa 349, na none uragendera ku nyandiko ya Guichaoua yo ku rupapuro rwa 303 rw'igitabo cye. Uremeza ko Matayo Ngirumpatse na Nzirorera barwaniye ubutegetsi. Ibyo nabihakanye mu mpapuro zibanza. Guichaoua arabeshya bahanitse. Guichaoua ntiyerekana aho iyo nama yabereye, ntavuga abari bayirimo. Usa kandi n'ushaka kumvisha abasomyi ko abajepe batakoze ibyo bashatse cyangwa ngo babikoreshwe n'umujinya. Ko mu yandi magambo babonye amabwiriza. Urasa nuwumvisha ko Matayo Ngirumpatse, Eduwardi Karemera na Yosepfu Nzirorera bafite uruhare mw'iyicwa ry'abo bantu. Ndagirango nkumenyeshe ko icyo kirego ntacyo Procureri yandeze, kandi nta mpamvu yajyaga kumubuza kugishyira muri byinshi bindi yangeretse ho, ambeshyera.
40. Nubwo iyi nyandiko itagenewe gusubiza ibinyoma bya Guichaoua, sinasimbuka ibyo yanditse ku rupapuro rwa 162 mubyo yise “*encadré n° 7*”, kuko bituma hahita ibindi binyoma byayobeye mu gitabo cyawe kubera kumwizera. Aravuga ngo neguye ku mwanya wa Perezida w'Ishyaka. Nibyo koko nigeze kwegura ariko nari ntaraba Perezida. Nari Umunyababanga Mukuru. Ikindi abeshya, arandika ko nabitewe n'uko abantu bo mu majyaruguru y'Ighugu bandwanyaga. Ibyo sibyo. Kuvuga ngo Karemera yambujije kwegura, aramubeshyera. Icyo cyemezo nari nagifashe ngyenyine. Kandi uko muzi, ntabwo ari Karemera wagiye kuvuga ibitarabaye. Kwemeza ko napfuye kwisubiraho nkaguma muri MRND kubera kutagira insibo mu mikorere no mu mico, si byo. Nagumye mw'ishyaka kuko icyatumaga negura cyari cyavuye ho<sup>17</sup>. Ntawushobora kumenya icyo navuganye na Perezida Habyarimana mu Rugwi. Twari twenyine. Abagerageza rero kuvuga amagambo ni ugushakisha. Icyo kibazo twaracyirangirije ubwacu. Muri Kongre yantoye nawe yarimo, kandi sinshidikanya ko yampaye ijwi rye.
41. Nagirango kandi mvuge ko ntorerwa kuba perezida wa MRND, icyo kibazo cyari cyararangiye. Iribazo cy'irondakarere muri iryo tora ntacyo nahuye na cyo. Uwo twiyamamaje hamwe avuka ku Gisenyi. Ku bagize kongre y'ishyaka barenga 300 batoraga, yagize amajwi 16. Wakwemeza ute ko ntamajwi yo ku Gisenyi no mu Ruhengeri nabonye?
42. Iyo Guichaoua yishinga amabwire akandika ko nazamutse kubera ko nari ikiremwa cya Perezida Habyarimana, byerekana ko atazi imitegekere y'igihugu n'inzego zacyo. Kandi birumvikana, ntiyigeze akoza mo ikirenge. Ubuyobozi bw'igihugu ntibugendera ku bushuti.

<sup>17</sup> Niba ushaka kumenya impamvu yatumye negura, uzasome ubuhamya bwanjye imbere y'Urukiko, kuko byose nabisonuye. Reba Inyandiko-mvugo y'urubanza n° ICTR-98-44-T, 25 Mutarama 2011, kuva ku rupapuro rwa 41 kugeza ku rwa 43.

Bushingira ku bushobozi bw'abafasha ba Perezida n'akamaro bafite mu byo bashinzwe. Kwa Perezida Habyarimana, ukorana nawe yagombaga kuba uri umukozi, afite ibitekerezo, adakerereza akazi ashinzwe. Imikorere yanje n'amona nabonaga birazwi, kandi nta makemwa arimo. Ibyo nabigejeje ku bacamanza mu rubanza rwanje. Ariko kugirango nkurinde umugoko wo kujya kubishaka, reka mbivuge mu magambo ahinnye.

43. Muri Repubulika ya Mbere, nubwo nari nkiri muto, nari ku mwanya wa kibili muri Parike. Nazamutse mu ntera zose za Parike, Habyarimana atarayobora igihugu. Nijye wagenzuraga izindi parike z'u Rwanda. Ntabwo baguha kugenzura abandi udafite icyo ubarusha. Nari visiperezida w'Inama Nkuru ya Parike, ihana kandi ikarenganura abakozi ba Parike. Perezida ntivatorwaga, yari Porokireri. Uretse ko nabitorewe na bagenzi banje, ntabwo ari umwanya baguha ntacyo urusha abandi. Kuba ntari mfite impamya-bumenyi sicyo kibazo. Ntabwo ari impamyabumenyi iha umuntu agaciro, si nayo ituma yubahwa. Ibyo akora nibyo byerekana ko ayikwiye. Guichaoua ashobora kugendera ku ngero zo mu gihugu cye. Monory wabaye Perezida wa Sena y'Ubufransa, nta mpamyabumenui yagiraga. Beregovoy yabaye Minisitiri w'Imali ukomeye mu Bufransa. Nawe uko babivuga, ntabwo yari yaraminuje muri ibyo bintu, nyamara yakoze akazi ke ku buryo bushimishije.
44. Guhagararira u Rwanda muri Ethiopia si ibantu byanguye ho hejuru nk'inkuba. Nari naratangiye kujya mu nama z'Ubumwe bw'Afurika kuva muri 1967, kugeza muri 1972, kandi najyagayo kibili mu mwaka. Nari mfite ubumenyi buhagije bwo kuba Ambasaderi muri Ethiopia. Natumwe mu Nteko Rusange ya Loni incuro nyinshi. Ibihugu nakozemo (Ethiopia na OUA), Sudani (Na Banque y'Abarabu yo gutsura amajyambere y'Afurika: BADEA), Ubudake, Ubusuwisi, ibiro bya Loni biri Jeneve, ni ahantu hakomeye. Ntabwo bahohereza ubonetse wese. Bahohereza umuntu w'umukozi. Ntabwo nigeze ndangwaho ubunebwe, ubusambo, cyangwa gutenguha igihugu. Imishinga nazanye mu Rwanda ni myinshi, utibagiwe n'Umubano hagati y'u Rwanda na Rhénanie Palatinat watangiye mpagarariye u Rwanda mu Budage. Ntawuba Umujuyanama wa Perezida, cyane cyane mu byerekeye Ububanyi n'Amahanga, ari ikiremwa cye gusa. Agomba kugira icyo amaze, kuko adakorana na Perezida wenylene, ariko akorana n'izindi nzego za Leta. Ibyo byose Guichaoua ntabizi, nta nuburyo ashobora kuzigera abimenya, kuko ubara ijoro ari uwariraye.
45. Ubutumwa nahawe njya muri Sonarwa bwari ubwo gukosora imiyoborere y'icyo kigo cy'ubwishingizi. Nasanze gitakaza amafranga, kandi abantu bakora ibyo bishakiye. Ninjiramo mu kwezi kwa Werurwe muri 1990, icyo kigo cyari gifite igihombo gikabije kandi kitumvikana. Umwaka wa 1990 ushize, nubwo intambara yari yarataye, Sonarwa yari yungutse amafranga atwikiriye cya gihombo, kandi isaguye miliyonu nyinshi z'inyungu.

46. Inama ya guvernoma<sup>18</sup> ingira Perezida w'Inama y'Ubutegetsi ya Sorwal, Ministre w'Imali w'icyo gihe, Benedigito Ntigurirwa, yambwiye ko icyo Leta yifuza ar'ukugarura umwuka mwiza mu mibanire y'abayobozi b'icyo kigo, amakimbirane akavamo. Numva ibyo kandi narabigezeho, ndetse bidatinze. Guichaoua yagerageje kuntera urubwa ko ngo amafranga nayashyiraga muri MRND. Ariko yabikoze nkana. Ubundi yagombye kumenya ko Perezida w'Inama y'Ubutegetsi muri Sosiyete, ntaho ahurira n'amafranga. Ibyo byo kudahira amafranga ya Sorwal muri MRND, yagerageje kubivuga mu rubanza rwa Higaniro i Buruseli, ariko biramupfana, kuko basanze atarigeze asoma ibitabo byerekeye icunga ry'umutungo wa Sorwal (Livres comptables).
47. Nabaye Minisitiri w'Ubucamanza muri 1991. Ntabwo cyari igithe cyo gushyiraho abantu batabishoboye. Hagombaga abantu bumva demokarasi koko kandi biyemeje kuyiteza imbere. Nyuma y'amezi atatu, bambwiye ko andi mashyaka azaza muri guvernoma, ko rero ngomba gutanga umwanya. Navuye mo nta ngingimira. Ahubwo nashimishijwe nuko demokarasi yarimo gutera imbere. Ubwo natorewe kuba Umunyabanga Mukuru wa MRND. Abagize Kongre bari banzi neza. Bantoye bakurikije ko hari ibindi byinshi nari narakoreye u Rwanda.
48. Gutorerwa kuba Perezida wa MRND icyo gihe, cyari ukugirirwa icyizere. Ngirango n'amashyaka duhanganye yasanze mfite ubushake bwo kuvugana nayo. Guichaoua kandi akunda kundega ko navuganaga na Twagiramungu. Niwe wari Perezida wa MDR. Nsengiyaremye yari Minisitiri w'Intebe. Kuki ashaka ko nagombaga kuvugana na Visi-Perezida wa MDR kandi hari Perezida ?
49. Uretse ibyerekeye Leta, Guichaoua ntabwo yigeze yita kubyo nakoreye urubyiruko, abahanzi n'abahimbyi, abana n'abategarugori, mu miryango idaharanira inyungu. Nari kw'isonga mu gushyiraho Chorale ya Kigali, Kiyovu Sports, Haguruka, Turengera Abana, Ubushuti hagati y'u Rwanda n'u Budake. Iyo miryango, uretse Haguruka nabereye visi-perezida<sup>19</sup>, indi yose nayibereye Perezida. Nari no muri Rotary Club International. MBA no mu mahanga nakomeje gukorana n'iyo miryango. Iyo miryango iracyariho, kandi irakomeye mu Rwanda. Ntawakwibagirwa kandi ko nahimbye indirimbo nyinshi, bidatumye nica akandi kazi.
50. Uko bigaragara rero, kimwe bu binyoma bikomeye bya Guichaoua ni icyo ngicyo, cyo kugerageza kwereka abanyarwanda ko ntacyo nari nshoboye, ko Perezida asa nuwagombye guhendahenda. Arashaka kumvisha ko nta bushobozi nari mfite. Nyamara urebye ntanzi

<sup>18</sup> Ntabwo ari Perezida Habyarimana wavye ko njya muri Sorwal. Nkurikije ibyo Ministri Ntigurirwa yambwiye anyakira, nuko bashakaga umuntu uzashobora kunga Umuyobozi wa Sorwal w'umunyarwanda, n'impuguke y'umuzungu yakoragamo. Nibwo butumwa nari mfite.

<sup>19</sup> Kuko Haguruka yari igamije kurengera abategarugori, Perezida yari umugore.

namba. Uretse ibinyoma no guteranya abantu, sinzi niba hari ibindi bikorwa yagezeho birenze ibi byose maze kuvuga, kandi bizwi n'abantu bose.

## C. UMWANZURO

51. Nkuko nabyanditse ngitangira, igitabo cyawe gifite akamaro kuri byinshi. Cyatumye n'utavuga igifaransa, kandi ikibazo kimureba, yumva iby'intambara yayogoje u Rwanda. Cyatumye kandi abagisoma bibaza uko u Rwanda ruzamera mu mins'i izaza. Iyo umuntu yatangiye kwibaza, ashaka n'igisubizo. Icyo gisubizo kizava mu mpaka abantu bazajya, bakagera ku ngingo ibahuza. Ni cyo abanyarwanda bose bategereje. Kuba hari byinshi utazi si ikosa ryawe, ikibazo cyo mu Rwanda kiraruhije. Kiraruhije kubera imico yacu ubwacu, kiraruhije kuko igice kinini cy'iriya ntambara atari icy'a Abanyarwanda. No mugitabo cyawe, ku urupapuro rwa 335, urabaza uti: « **Ba Mpatsibihugu bagize uruhe ruhare mu ntambara y'u Rwanda ?** » Uko ugisubiza birerekana ko kujyana intambara muri Kongo atari ibintu byahubukiwe ho, ahubwo byari byarateguwe mbere ya 1990. FPR, Museveni, abayobozi b'u Burundi b'icyo gihe, ndetse n'ibihugu byahaye FPR inyigisho, amahugurwa n'intwaro, bari babizi. Byari biteganyijwe ko iyo ntambara FPR yashoje, igomba kuba iy'akarere kose, kugirango ubutegetsi bwari ho buve mu nzira. Iyicwa rya Ndадaye, irya Habyarimana na Ntaryamira, iry'impunzi muri Kongo, iry'Abanyekongo ubwabo, ni umugambi umwe. Hari n'abandi bayobozi bo mu karere bagombaga kubigwamo, bakizwa n'uko babimenye mbere, cyangwa se ko aho bari bategewe batagiyeyo. Nkuko nabibwiye abacamanza nisobanura, ikibazo cy'u Rwanda ntabwo kikiri mu bwiru, cyarushije ho kumvikana urebye ibyabaye i Kongo no muri Sudani. Ibyakurikiye intambara nuko u Rwanda n'u Burundi byagiye muli East African Community, kandi mu Rwanda igifransa kikaba cyarasimbuwe n'icyongereza. Wenda mu ntambara ya Kongo ya kabiri, iyo Angola, Zimbabwe na Namibiya bidatabara, birashoboka ko na Kongo (RDC) iba yaragiye ! Kandi wenda biracyaza!
52. Hari byinshi rero bidahishurwa kugira ngo abari bafite inyungu muri iyo ntambara batavumburwa hakiri kare bikaba wenda byanica porogaramu zigomba gukurikira ho. Nicyo gisobanura inyongwa rya « rapport Gareton , n'iry'a « Mapping Report » ya Loni. Ninacyo cyatumye anketi y'iyicwa ry'aba Perezida Habyarimana na Ntaryamira idakorwa. Nicyo gituma dutegereza ko abantu basagariye demokarasi bakica Perezida Ndадaye bahanwa tugaheba. Iyo abo baperezida badapfa, wenda ibyabaye byose ntibyari gushoboka. Nicyo cyatumye TPIR yemeza ko nta bindi bihugu byagize uruhare mu ntambara, kugirango bidafata intera ikomeye bikabura igaruriro.<sup>20</sup>
53. Ubwo demokarasi yari yaje, ibyari bifutamye byari bigiye gukosorwa. Intambara siyo yazanye demokarasi kandi ntakamaro yagiriye umunyarwanda. Haje mo ibinyoma byinshi

<sup>20</sup> Reba icyemezo (constat judiciaire) cyo kw'itariki ya 3 Ugushyingo 2000 mu Rubanza rwa Lawurenti Semanza.

kandi Guichaoua si we ubitondekanya wenyine. Hari n'abandi babanje kwibeshya ariko bakaza kwisubiraho, nkuko Des Forges yaratangiye cyangwa nkuko ba profeseri Bernard Lugan na Filip Reyntjens babigenje. Ibyo ni umuco mwiza. Abo intambara yagiriye akamaro, bifuza ko ibyo binyoma bihoraho, bigashinga imizi, byashoboka bigahinduka ukuri, bityo bikinjira burundu mu mateka y'isi. Nibyo rero tugomba kurwanya.

54. Ariko kuvuguruza ibyo binyoma birarajihe. Umuntu abyumva iyo bamugeretse ho ibirego by'ingutu kandi by'ibinyoma. Kwiregura ku kirego cy'ukuri ni byo byoroshye. Urugero natanga ni umugabo w'umufransa witwa Roger Salengro. Uwo mugabo yari minisitiri mu mwaka wa 1936. Abo bahanganye muri politiki baza kumubeshyera ibintu byinshi birimo ko yatorotse urugamba mu ntambara ya 1914, ndetse akaba na maneko w'Abadake. Nyuma basanze ahubwo yarafatiwe ku rugamba arwana, agafungirwa mu Budake. Ariko abanyamakuru n'abanyapolitiki birengagije ukuri, bamuhata ibirego by'ibinyoma mu binyamakuru kugera igithe bimuyobereye ariyahura. Léon Blum, wari Ministri w'Intebe icyo gihe, akaba n'inshuti ya nyakwigendera, ni we wavuze ijambo ryo guherekeza Roger Salengro. Ndavuga mu ncamake mu Kinyarwanda. Yagize ati: « *Ikinyoma wacyikura ute? Ushobora gushira mo umwuka ushaka ukuntu ukuri kwagaragara. Ugashakisha uko wabigenza bikakunanira. Nta muti wabona uvura uburozi bw'ikinyoma. Iyo babuminjiriye, burakomeza bugacengera mu bwonko bwa ba mbonabihita, mu mutwe wa rubanda rwa giseseke. Ibirego byose bitesha agaciro birundwa hamwe kandi bigakwizwa hose. Abantu ntibashishikazwa no gushakisha ukuri* »<sup>21</sup>
55. Nibyo byabaye ku kibazo cy'u Rwanda. Amakuru yo mu ntambara nayo n'intwaro (*propaganda de guerre*). Intambara y'amatasu yarahagaze, ariko abayobora ubu bazi ko hakiriho intambara yo kwishyira ukizana, ishobora gusubiza abantu mu ntambara y'imbunda. Nicyo gituma ibyo binyoma bibafitiye akamaro. Uzashake agatabo kitwa *Principes élémentaires de propagande de guerre*, kanditswe n'Umutegarugori witwa Anne Morelli wigisha muri Université Libre de Bruxelles. Kazatuma wumva neza igituma ibinyoma bimwe ari ngombwa kugirango ukuri kudahindura imitekerereze y'abantu. Impuguke zimwe na zimwe rero zagiye muri uwo mukino, zishutswe n'amafranga cyangwa se kubera kutamenya neza imikorere y'ababaha amakuru.
56. Inzira y'ubwumvikane n'amahoro by'Abanyarwanda, si ikinyoma. Inzira iboneye ni ukubwirana ukuri no kwiyunga. Nibyo nagejeje ku bacamanza urubanza rwanje rurangije. Niba utarabonye iryo jambo navuze, ndarikohherereje. Sinshidikanya ko ariyo nzira y'ukuri. Ubeshyewe ntabura gushaka uko ikinyoma kimusebya kivaho. Iyo bimunaniye ariyahura nka

<sup>21</sup> Comment confondre la calomnie ? On s'épuise à chercher le moyen d'établir la vérité. On cherche, on ne trouve pas. Il n'y a pas d'antidote contre le poison de la calomnie. Une fois versé, il continue d'agir, quoi qu'on fasse dans le cerveau des indifférents, des hommes de la rue. Il pervertit l'opinion par le goût du scandale. Tous les bruits infâmes sont soigneusement recueillis et avidement colportés. On juge superflu de vérifier, de contrôler.

Salengro. Kwiyahura rero biri ukwinshi. Ushobora kwihitana ubwawe, ariko ushobora no kwiroha k'uwakubeshyeye ukamuhitana, cyangwa akaba ariwe uguhitana. Nta gihugu gishobora kubaho gutyo, kigizwe n'abantu bashakisha uko baziyahura. Kandi rero ibiriho ubu birerekana ko ikinyoma kitazakomeza guhabwa intebé. Nta mpamvu yo kujya mu mitsi kuko dufite ubundi buryo bwiza kandi bworoshye bwo kugorora ibantu bikajya mu buryo. Ubwo buryo si ubundi, ni za mpaka zitari iza ngo turwane, ahubwo impaka ku bitekerezo byiza kandi byubaka ; impaka zigamije gukosora no kugorora ibitameze neza.

## **Annexe : Mot de clôture du procès de Matthieu NGIRUMPATSE**

### **MOT DE CLOTURE DU PROCES, MERCREDI LE 24 AOUT 2011 PAR MATTHIEU NGIRUMPATSE**

Je vous remercie de m'accorder la parole, Monsieur le Président,

Monsieur le Président,

Honorables Juges,

Je ne viens pas ici devant vous pour plaider. Cette tâche a été accomplie avec brio par mes Avocats et j'en profite pour rendre hommage à leur intelligence et à leur dévouement.

Je saisirai cette occasion, pour, encore une fois, réservier une pensée particulière à toutes les victimes du conflit armé qui s'est déroulé au Rwanda et dans les pays voisins depuis 1990 et qui, à mon sens, est loin d'être terminé. Comme je l'ai dit lors de mon audition devant votre auguste Chambre, je déplore la mort de tous mes compatriotes connus et inconnus. Que toutes ces victimes reposent en paix et sachent, là où elles se trouvent, qu'il y a des vivants qui pensent à elles et qui sont inconsolables de leur disparition. J'exprime également mes sympathies à tous ceux qui, au Rwanda ou à travers le monde, ont souffert et souffrent encore de cette guerre.

Je souhaite également exprimer mes sentiments de gratitude à nos témoins, venus devant ce Tribunal, avec la seule intention et détermination de dire la vérité. C'est une contribution importante aux travaux de votre Chambre et à l'éclairage de l'Histoire du Rwanda pendant cette période douloureuse de la guerre.

Ma préoccupation a toujours été celle de contribuer au dialogue, à la compréhension et au respect mutuels entre les personnes appelées et obligées de vivre ensemble. Le bien-être de mes compatriotes me préoccupe toujours. La situation que le Rwanda a vécue depuis octobre 1990 jusqu'à ce jour me plonge dans une douleur indicible. Mais je ne désespère pas et je ne me décourage pas. Le temps, la réflexion, la bonne foi, la disparition des passions et des haines, nous remettront sur les rails de la cohabitation pacifique, qui doit exister entre les personnes partageant une même nation, c'est-à-dire le même territoire, la même langue et la même culture. Il nous faut manifester en plus la volonté de vivre ensemble. Avons-nous cette volonté ? Apparemment oui, ne fût-ce qu'en considérant le brassage interethnique qui s'est opéré depuis des siècles. La durée de la paix au Rwanda est plus longue que celle des luttes et des guerres. Si nous avons cette volonté, je suis convaincu que nous allons reformer une chaîne de solidarité, au service des fils et filles de

la nation rwandaise, à la promotion des droits universels de l'homme, au service de l'humanité entière.

Le discours sur les événements tragiques du Rwanda s'arrête souvent uniquement sur la catastrophe. Il est temps d'envisager les moyens d'échapper à ce cercle de violence. Pour sortir de l'impasse et panser les plaies de notre nation meurtrie, il faut trouver des idées nouvelles, généreuses et universelles, qui favorisent l'homme. Des idées qui mettent l'homme en avant au lieu d'en faire un esclave du profit individuel. C'est cette volonté et cette générosité que les Rwandais actuels doivent léguer aux générations futures. Personnellement, je ne crois pas que la situation soit définitivement compromise du fait de cette tragédie qui a endeuillé le Rwanda. Pour un esprit dont le bonheur de son peuple est au premier plan de ses préoccupations, son réflexe n'est pas de baisser les bras et d'abandonner la lutte. Ce bonheur et cette prospérité du peuple rwandais sont la finalité de tout ce que nous faisons et c'est la raison de tout ce à quoi nous croyons. Si tout ce que nous faisons ne vise pas le bonheur et la prospérité de notre peuple, alors nous nous sommes trompés de route. Ce n'est pas la route de la politique, mais celle de l'exploitation humaine et de l'ambition personnelle sans aucun avantage pour le Rwanda et son peuple. Si nous manifestons cette volonté de reconstruire les cœurs de nos concitoyens, ce sera le meilleur hommage que nous rendrons à toutes les victimes de la guerre, qui, loin de faire franchir notre pays d'un pas vers le progrès et vers un avenir meilleur, l'a précipité dans une impasse. Rien n'est impossible à un cœur généreux, animé d'une volonté inébranlable de faire du bien et de marquer l'histoire.

Si nous avons cette volonté, je suis convaincu que nos villes et nos campagnes rwandaises seront encore une fois marquées par la joie de vivre et de la fraternité retrouvée.

Monsieur le Président, Honorables Juges,

A la fin de mon audition devant votre Chambre le 18 février 2011, je vous ai exprimé mon rêve de voir le peuple rwandais réconcilié avec lui-même. Ce rêve et mon engagement à y contribuer demeurent fermes. Peu importe ma situation actuelle. Je ne suis qu'une personne parmi des millions qui ont besoin de paix. Cependant, la réconciliation entre les Rwandais uniquement ne suffira pas pour assurer la paix dans la Région des Grands Lacs. Nous devrions étendre cette réconciliation à nos frères et sœurs du Congo et du Burundi. La réconciliation du peuple rwandais est une nécessité absolue. Mais il n'y parviendra pas seul. Il a besoin de la compréhension, de l'accompagnement et de la contribution de la Communauté Internationale, dans l'équité et la justice.

Je soutiens et je me joins à mes compatriotes de bonne volonté pour promouvoir la démocratie et la liberté. C'est ce flambeau qui illuminera notre lutte pacifique et sera fixé sur le piédestal de la

dernière étape de notre longue marche vers une paix véritable de notre peuple. Autour de ce flambeau, nous chanterons alors l'hymne à la fraternité définitivement retrouvée.

Monsieur le Président, Honorables Juges

En m'entendant tenir un tel langage à ce stade du procès, certains croiraient que j'évolue en dehors du sujet qui nous occupe. Au contraire ! Ce langage de dialogue, de paix et de démocratie, c'est celui que j'ai tenu dans le passé, c'est celui que je tiens dans le présent et, j'en suis persuadé, ce sera le langage de l'avenir au Rwanda. C'est également ce langage dont je vous prie de tenir compte dans vos délibérations.

Monsieur le Président, Honorables, je vous remercie de m'avoir écouté.